

A Urukundo rw'Imana rutagira ikigombero rushingirah:

❖ Imana ishaka ko abantu bose bakizwa.

- Imana iradukunda cyane ku buryo yatanze igitambo giheraniye (ubugingo bwayo) kugira ngo abantu bose bakizwe ibyaha (Yohana 3:16).
- Mu maso y'Imana, nta muntu n'umwe ushobora gufatwa nk'udakwiriye kubona agakiza katanze. Urukundo rw'Imana rukubiyemo byose (Zaburi ya 145:9).
- Iyo agakiza kaza kuba gashingiye gusa ku bushake bw'Imana, twese twajyaga gukizwa (1 Timoteyo 2:3–4).
- Ariko yaduhaye umudendeze wo guhitamo niba dushaka cyangwa tudashaka gukizwa; niba dushaka kwakira cyangwa kutakira urukundo rwayo. Dushobora kuyitekereza irira, ikazenga amarira mu maso, igira iti “Nyabuneka emera irarika ryanjye... UBEHO!” (Ezekiyeli 33:11).

❖ Impamvu y'isezerano.

- Igihe Imana yakuraga Abisirayeli muri Egipta kugira ngo ivugurure Isezerano yagiranye na Aburahamu, Isaka, na Yakobo, ntabwo yabikoze gusa kugira ngo isohoze ijamba ryayo: “ni uko Uwitwaga abakunda” (Gutegeka 7:8).
- Ijamba ryakoreshejwe mu gusobanura impamvu Imana igirana isezerano natwe ni *hesed*, risobanurwa ngo:
 - (1) Imbabazi, kugira neza n'urukundo by'Imana
 - (2) Urukundo rwuje kugira neza cyangwa urukundo ruzira ubuhemu ruhabwa abandi mu isano y'urukundo rw'ibyerekezo byombi
 - (3) Urukundo rugaragazwa mu rwego rwo gutera undi muntu kwitura ineza n'urukundo yagiriwe
- Urukundo rw'Imana ni urwo kwiringirwa, ntiruhinduka, kandi ruraramba. Ariko imigisha dushobora kubonera muri urwo rukundo ifite icyo ishingiraho, iterwa n'igisubizo cyacu (Zaburi ya 25:10).

B Ibishingirwaho mu rukundo rw'Imana:

❖ Ibishingirwaho mu isezerano.

- Imwe mu mirongo yo muri Bibiliya ishobora kumvikana nk'ivuga ko Imana ireka kudukunda iyo tuyiteye umugongo (Yeremiya 16:5).
- Nyamara, mutyo turebe urugero rwo mu gitabo cya Hoseya, aho Imana ivuga yeruye: “sinzongera kubakunda ukundi” (Hoseya 9:15). Nyuma gato, Imana iravuga iti: “nzabakunda urukundo rutagabaniye” (Hoseya 14:4).
- Urukundo rw'Imana ruhoraho; Ntihwema kudukunda (Zaburi ya 136:1). Ariko yashyizeho ibishingirwaho kugira ngo tubone *imigisha* izanwa n'urwo rukundo:
 - (1) Kuyikunda (Yohana 16:27)
 - (2) Gukomeza kuyikunda (Yohana 15:9; Yuda 21)
 - (3) Gukomeza amategeko yayo (Yohana 14:21; 1Yohana 5:3)
 - (4) Gukunda bagenzi bacu (Yohana 15:17; 1Yohana 4:12)

❖ Kwakira urukundo rw'Imana.

- Imana ihora ifata iya mbere. Iradukunda mbere yuko tugira icyo tubikoraho (Yeremiya 31:3).
- Iyo tubonye urukundo rw'Imana n'igitambo giheraniye yadutangiyeye, kuyikunda no gukunda bagenzi bacu byagombye kwizana muri twe (1Yohana 4:9–10, 19).
- Ikibabaje, ntabwo abantu bose babyitwaramo kimwe. Rimwe na rimwe, dushobora kwibagirwa uburyo Imana idukunda. Yesu yabitanzeho urugero akoresheje umugani (Matayo 18:23–35).
- Umugabo yari afitiye shebuja umwenda wari uhwanyeye n'igihembo cy'imibyizi ingana n'imyaka 200.000! Ariko shebuja, kubera urukundo, yarawumuhariye.
- Uyu mugaragu yibagiwe urukundo yagiriwe, maze asaba mugenzi we kumwishyura ibihwanye n'igihembo cy'imibyizi ingana n'amezi ayingayinga atatu. Mbega kudashima! “Nawe ntiwari ukwiriye kubabarira mugenzi wawe nk'uko nakubabariye?” (Matayo 18:33).

C Igisubizo cyacu ku rukundo rw'Imana:

❖ Abasākāza urukundo rw'Imana.

- Ni gute dushobora kwishyura Imana ibyo yadukoreye? Ese ubundi hari uburyo dushobora kuyishyura mu buryo ubwo ari bwo bwose?
- Ntibishoboka rwose (Zaburi ya 49:7–8). Ariko Imana ntidusaba kuyishyura cyangwa insimbura y'urukundo twagiriwe. Inyuzwe nuko dusākāza ibyo twaherewe ubuntu: “Bakundwa, ubwo Imana yadukunze ityo, natwe dukwiriye gukundana” (1Yohana 4:11; Matayo 10:8b).
- Ntidushobora kwishyura ibyo Imana yadukoreye, ariko dushobora kubiyishimira tugirira abandi nk'uko yatugiriye.
- Niba gukunda Imana bisobanura gukunda abandi, tugomba kwihutira gusangiza abantu bose ubutumwa bw'urukundo rw'Imana.